# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

NYAKANGA 2025

## KWIBOHORA KU NSHURO YA 31 BYAHUJWE NO GUTAHA INZU Y'ABABYEYI YUBATSWE MU KIGO NDERABUZIMA CYA MUGANO



SOMA PAJI YA 2

SOMA PAJI YA 7

## GUVERINERI YAYOBOYE INTEKO Y'ABATURAGE MU MURENGE WA NKOMANE ASABA ABATURAGE BAWO KWIRINDA KWANGIZA PARIKI YA NYUNGWE



SOMA PAJI YA 8

## MU KARERE HATANGIJWE GAHUNDA Y'INTORE MU BIRUHUKO, ABANA N'URUBYIRUKO BASABWA KUYITABIRA






SOMA PAJI YA 5

## MEYA NIYOMWUNGERI YIBUKIJE URUBYIRUKO RWITABIRIYE ITORERO INDANGAMIRWA 15 KO RUFITE IGIHUGU KIRUKUNDA

## KWIBOHORA KU NSHURO YA 31 BYAHUJWE NO GUTAHA INZU Y'ABABYEYI YUBATSWE MU KIGO NDERABUZIMA CYA MUGANO



***Ibirori byo #Kwibohora31 ku rwego rw'Akarere byahujwe no gutaha inzu y'ababyeyi mu Kigo Nderabuzima cya Mugano***

Ku wa 04 Nyakanga 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA, bifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Mugano mu birori by'Umunsi Mukuru wo Kwibohora ku nshuro ya 31, aho byahujwe no gutaha inzu y'ababyeyi yubatswe mu Kigo Nderabuzima cya Mugano.

Meya NIYOMWUNGERI yabwiye abaturage ko igisobanuro nyamukuru cy'uyu Munsi Mukuru wo Kwibohora ari uko ubuzima bw'Abanyarwanda bwahindutse bugana mu iterambere.

Yaragize ati: "Nyuma yuko Ingabo zahoze ari iza RPA Inkotanyi zibohoye Igihugu, ubu Abanyarwanda babayeho neza.

Iyi nzu y'ababyeyi twatashye hano i Mugano, isobanuye byinshi mu kwibohora. Ubuzima bw'umubyeyi n'umwana buzajya bukurikiranwa kuva umubyeyi agisama.

Umutekano, ubutabera, iterambere n'ibindi Igihugu cyagezeho, na byo ni igisobanuro nyacyo cyo kwibohora."

Nyuma yo gutaha iyi nzu y'ababyeyi, umwe mu babyeyi bo mu Murenge wa Mugano yaragize ati: "Mbere iyo twazaga kubyara bikaba ngombwa ko baguha taransiferi (transfert) ku Bitaro bya Kaduha, hari n'igihe wageragayo wamaze kubyara bitewe n'urugendo rurerure ruhari ndetse n'umuhanda utameze neza. None ubu turishimye ko mwatuzaniye iyi nzu y'ababyeyi igezweho. Rwose turashima Umukuru w'Igihigu cyacu Nyakubahwa Paul KAGAME watugejejeho ibi byiza."

Iyi nzu y'ababyeyi ijyanye n'igihe yuzuye itwaye arenga miliyoni 440 z'amafaranga y'u Rwanda.



***Mu birori byo #Kwibohora31, Abayobozi bacinyanye akadiho n'abaturage***



***Inzu y'ababyeyi yo mu Kigo Nderabuzima cya Mugano ijyanye n'igihe***

## IBIZAMINI BYA LETA BISOZA ICYICIRO RUSANGA N'AYISUMBUYE KU RWEGO RW’AKARERE BYATANGIRIJWE MURI GS GASAKA




***Site ya GS Gasaka ni yo yatangirijweho ku rwego rw’Akarere ibizamini bisoza icyiciro rusange n’amashuri yisumbuye***

Ku wa 09 Nyakanga 2025, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yatangirije muri GS Gasaka, ibizamini bya Leta bisoza icyiciro rusange (Tronc Commun) n'ibisoza amashuri yisumbuye mu mwaka w'amashuri wa 2024-2025.

Visi Meya UWAMARIYA yasabye abanyeshuri bahuriye kuri iyi site gukora nta gihunga.

Yaragize ati: "Murasabwa kwirinda igihunga kugira ngo muzatsinde neza. Ibi bizamini mugiye gukora ni nk'ibyo mwari musanzwe mukora mu ishuri."

Yabifurije amahirwe masa.

Muri rusange mu Karere, ibizamini byitabiriwe ku ijanisha rya 99.77%.

Mu bizamini bya Leta bisoza umwaka w'amashuri wa 2024-2025, uwitwa Ishimwe Josélyne wari usoje icyiciro rusange mu GS Kiraro, ni we wagize ikibazo kuko yakoze ibizamini ari mu Bitaro.

Nyuma yo kumara icyumweru arwariye mu Bitaro by'Akarere bya Kigeme, abaganga bemeje ko nawe yakora ibizamini nk'abandi.



***Abanyeshuri bagera kuri 99.77% ni bo bitabiriye ibizamini bya Leta bisoza icyiciro rusange n’amashuri yisumbuye***

# MUSANGE- GUKORESHA IKORANABUHANGA MU KUHIRA INANASI BYATUMYE UMUSARURO WAZO WIKUBA KABIRI



***Kuhira inanasi mu gihe cy'impeshyi byatumye umusaruro wazo wikuba kabiri***

Abahinzi b'inanasi basaga 180 bo mu Murenge wa Musange bibumbiye muri Koperative Indashyikirwa Masagara, bavuga ko kuva aho batangiriye kuhira bakoresheje uburyo bugezweho byatumye umusaruro w'izo mbuto wikuba inshuro zirenga ebyiri.

Aba bahinzi bahinga inanasi ku buso bwa hegitari 4.5 bavuga ko ikoranabuhanga bakoresha ryo kuhira hakoreshejwe imirasire y'izuba ikoresha imashini zitanga amazi mu mirima by'umwihariko mu gihe cy'impeshyi bahawe kuri nkunganire ya Leta mu mwaka wa 2023, ari ryo ryabaye imbarutso yo kuba umusaruro wazo warikubye inshuro zirenze ebyiri.



***Abanyamuryango ba Koperative ihinga inanasi muri Musange barishimira umusaruro wazo***

Mu bilometero bike uvuye aho iyo Koperative ihinga izi nanasi, ni ho NTEZIRYIMANA Védaste nawe azihinga ku buso bwa hegitari 3.5.

Nawe akoresha ikoranabuhanga rizamura amazi mu kibaya riyageza i musozi mu mirima ye.

Ahamya ko umusaruro w'inanasi wiyongereye nyuma yo gukoresha iri koranabuhanga.

Ati: "Urabona ubu ni mu zuba. Reba izi nanasi ukuntu zimeze. Ntabwo wamenya ko imvura yacitse. Iyo wuhira ukoresha ikoranabuhanga umusaruro uriyongera."



***NTEZIRYIMANA avuga ko bitewe nuko mu mpeshyiyuhira inanasi ze akoresheje ikoranabuhanga, umusaruro wazo wiyongereye cyane***

Nubwo abahinzi b'inanasi bo muri Musange bavuga ko umusaruro wazo wiyongereye cyane, bifuza ko hashyirwaho uburyo bwo kuwubonera isoko.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA, avuga ko muri aka gace hari kubakwa uruganda ruzongerera agaciro inanasi zera i Musange.

Biteganyijwe ko kubaka uru ruganda rutunganya rukanongerera agaciro umusaruro w'inanasi bizarangira mu kwezi kwa Kanama 2025.

## MEYA NIYOMWUNGERI YIBUKIJE URUBYIRUKO RWITABIRIYE ITORERO INDANGAMIRWA, ICYICIRO CYA 15 KO RUFITE IGIHUGU KIRUKUNDA



***Meya NIYOMWUNGERI yibukije urubyiruko rwitabiriye Itorero Indangamirwa, icyiciro cya 15 ko rufite Igihugu kirukunda***

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yibukije urubyiruko rwitabiriye Itorero Indangamirwa, icyiciro cya 15 ko Igihugu kirukunda bityo narwo rugomba kucyereka ko rugikunda.

Ibi Meya NIYOMWUNGERI yabibwiye uru rubyiruko ubwo yarugezagaho ikiganiro ku wa 10 Nyakanga 2025 mu Kigo cy'Ubutore cya Nkumba giherereye mu Karere ka Burera.

Yaragize ati: "Nimusohoka hano, mujye mumenya ko mufite Igihugu kibakunda.

Mufite Igihugu cyiza. Noneho buri wese avuge ati: "Ko urukundo rugomba kuba reciproque (rugomba kubaho ku mpande zombi), ko iki Gihugu kinkunda, njyewe nzagikorera iki kugira ngo nanjye nkereke ko ngikunda? Ibiganza byanyu bizandura kugira ngo uriya muturage wo hasi azamuke agere ku rwego nk'urwo muriho, nk'urwo natwe turi imbere yanyu turiho."

Itorero Indangamirwa, icyiciro cya 15 ryitabiriwe n'urubyiruko ruri mu byiciro birimo Abanyarwanda biga cyangwa batuye mu mahanga, abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye bize mu mashuri mpuzamahanga yo mu Rwanda, Indashyikirwa zivuye ku Rugerero rw'Inkomezabigwi 12 baturutse mu Turere twose tw'Igihugu n'Abayobozi b'Urubyiruko.



***Rumwe mu rubyiruko rwitabiriye Itorero Indangamirwa, icyiciro cya 15 rwumva impanuro z'Abayobozi***

# MU KARERE HABAYE INAMA YIGA KU MIKORERE Y'IGICUMBI CY'IMIKURIRE Y'UMWANA



***Visi Meya UWAMARIYA yayoboye inama yigaga ku mikorere ya gahunda y'Igicumbi cy'Imikurire y'Umwana***

Ku wa 22 Nyakanga 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, Madame Agnès UWAMARIYA yayoboye inama yiga ku mikorere ya gahunda y'Igicumbi cy'Imikurire y'Umwana mu Karere.

Visi Meya UWAMARIYA yasabye buri wese witabiriye iyi nama kugira uruhare rufatika mu mikurire y'umwana amurinda igwingira.

Gahunda y'Igicumbi cy'Imikurire y'Umwana, ni gahunda yateguwe n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA) ku bufatanye n'Ikigo Cy'Igihugu Gishinzwe Ubuzima (RBC).

Igicumbi cy'Imikurire y'Umwana, ni ababyeyi bari hagati ya 10-20 bafite abana b'imyaka 2 n'abatwite bahuriye mu itsinda ryo kuzigama no kugurizanya (SLGs). Iri tsinda rikorera ku Mudugudu rigamije guteza imbere imirire myiza y'abana mu rwego rwo kubarinda igwingira.

Bafashwa n'ababyeyi 2 bahawe izina rya "Bandeberaho".



***Abitabiriye inama yiga ku mikorere ya gahunda y'Igicumbi cy'Imikurire y'Umwana mu Karere basabwe kugira uruhare mu kurinda umwana igwingira***

## GUVERINERI KAYITESI YAYOBOYE INTEKO Y'ABATURAGE MU MURENGE WA NKOMANE, ASABA ABATURAGE BAWO KUTANGIZA PARIKI YA NYUNGWE



***Guverineri KAYITESI mu Nteko y'Abaturage mu Nkomane***

Ku wa 22 Nyakanga 2025, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI hamwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Intara n'iy'Akarere, yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Mutengeri, mu Murenge wa Nkomane.

Guverineri KAYITESI yasabye abaturage b'uyu Murenge gukora cyane mu rwego rwo kwiteza imbere, kwirinda amakimbirane mu miryango, kwirinda ubuharike, kugira isuku, gutanga umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza (MUSA), kujyana abana ku ishuri no kutangiza Pariki ya Nyungwe.

Muri iyi Nteko y'Abaturage, hakiriwe ibibazo, bimwe bihabwa umurongo, ibindi na byo kibaba biri gukurikiranwa.

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yijeje abaturage b'Umurenge wa Nkomane bagera ku 150 bagaragaje ibibazo byabo byiganjemo ibishingiye ku byangombwa by'ubutaka bitaraboneka n'ibindi ko mu gihe kitarenze amezi abiri byose bizaba byahawe umurongo.



***Guverineri KAYITESI yasabye abaturage b'Umurenge wa Nkomane kutangiza Pariki ya Nyungwe***

# MU KARERE HATANGIJWE GAHUNDA Y'INTORE MU BIRUHUKO, ABANA N'URUBYIRUKO BASABWA KUYITABIRA



***Visi Meya UWAMARIYA atangiza gahunda y'Intore mu Biruhuko ku rwego rw'Akarere***

Ku wa 23 Nyakanga 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yatangirije kuri Stade Nyagisenyi, 'Gahunda y'Intore mu Biruhuko' ifite insanganyamatsiko igira iti: "Ubuzima bwiza, agaciro Kanjye".

Muri iyi Gahunda, abana n'urubyiruko bibutswa kugira isuku: ku mubiri, ku myambaro, mu ngo iwabo, ku ishuri n'ahandi.

Batozwa kandi imyitwarire myiza, ibiranga umuco w'u Rwanda, kwerekana impano zabo, gukina, gukunda ishuri no gukunda umurimo.

Atangiza iyi Gahunda, Visi Meya UWAMARIYA yasabye abana n'urubyiruko bayitabiriye kuyikunda kuko bazayungukiramo byinshi.

Yaragize ati: "Iyi gahunda murasabwa kuyigira iyanyu. Turifuza ko muba abana bafite ubuzima bwiza kuko ni mwe Rwanda rw'ejo. Turifuza ko muba abana bafite isuku, bubaha ababyeyi kandi bakunda ishuri."

Gahunda y'Intore mu Biruhuko ibera kuri site zitandukanye ziri hirya no hino mu Tugari buri wa Mbere, buri wa Gatatu na buri wa Gatanu.

Mu Karere ka Nyamagabe, biteganyijwe ko abagera ku 45041 barimo ab'igitsinagabo 20884 n'ab'igitsinagore 24157 ari bo bagomba kwitabira Gahunda y'Intore mu Biruhuko.




***Muri Gahunda y'Intore mu Biruhuko, urubyiruko n'abana batozwa indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda***

# AKARERE KAKOREWE ISUZUMA RY'IMIHIGO Y'UMWAKA WA 2024-2025 N'IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IBARURISHAMIBARE MU RWANDA (NISR)



***Ubuyobozi bw'Akarere bwakiriye itsinda ry'Abakozi ba NISR bakoreye Akarere isuzuma ry'imihigo ya 2024-2025***

Ku wa 25 Nyakanga 2025, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ari kumwe n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere, abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere hamwe n'abagize Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere (JADF), bakiriye itsinda ry'abakozi b'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) ryari rije mu gikorwa cyo gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025.

Nyuma yo guhabwa ikaze n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, iri tsinda ry'abakozi ba NISR ryari riyobowe na ISHIMWE Caroline ryeretswe uko imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025 igera ku 131 yeshejwe.

Hakurikiyeho igikorwa cyo gusuzuma mu nyandiko uko yagiye yeswa.

Nyuma yo gusuzuma inyandiko zijyanye na buri muhigo, iri tsinda ryakomereje ku gusura ibikorwa biri hirya no hino mu Mirenge.

Hasuwe Imirenge ya Mugano, Kaduha, Uwinkingi, Kitabi, Tare, Kibilizi na Gasaka.

Isuzuma ry'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025, ryasojwe n'ikiganiro (Focus Group Discussion) iri tsinda ryagiranye n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere cyabaye ku wa 30 Nyakanga 2025.

Iki kiganiro cyibanze ku byiza by'imihigo mu kugera ku ntego za NST2, kungurana ibitekerezo kuri gahunda n'ibikorwa bitandukanye bigamije iterambere ry'umuturage, uko imihigo itegurwa, uko ishyirwa mu bikorwa n'uko ikurikiranwa.

Iri tsinda ryashimye ukuntu ryasanze inyandiko z'imihigo ziri ku murongo, ubwitange bw'Abayobozi ndetse n'abakozi babaharekezaga mu gihe cyo kujya gusura ibikorwa.

Bashimye kandi ko aho bagiye hose ibikorwa babihasanze kandi bimeze neza.



***Abagize Komite Nyobozi y'Akarere bagiranye ibiganiro n'abakozi ba NISR nyuma yo gusoza isuzuma ry'imihigo y'Akarere ya 2024-2025***

# ABADEPITE BASUYE AKARERE MU RWEGO RWO GUSESENGURA ISHYIRWA MU BIKORWA RYA POLITIKI Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE



*Visi Meya HABIMANA yakiriye Abadepite basuzumye ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge*

Ku wa 15 Nyakanga 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yakiriye itsinda ry'Abadepite bagize Komisiyo y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, Uburenganzira bwa Muntu no kurwanya Jenoside ryari riyobowe na Honorable NDANGIZA Madina, ryasuye Akarere mu rwego rwo gusesengura ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge y'umwaka wa 2020.



*Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere mu bitabiriye iki gikorwa*

Visi Meya HABIMANA yavuze ko ku bufatanye bw'Akarere n'abafatanyabikorwa bako batandukanye, mu Karere hashyizweho gahunda zinyuranye zo gusigasira Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda zirimo gutanga ikiganiro cya 'Ndi Umunyarwanda' mu baturage no mu bigo by'amashuri.

Yavuze kandi ko hashyizweho Kelebu z'Ubumwe n'Ubudaheranwa n'ibindi.

Nyuma yo gusobanurirwa uko Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge y'umwaka wa 2020 ishyirwa mu bikorwa mu Karere, aba Badepite basuye ibikorwa byo gusigasira Ubumwe n'Ubudaheranwa biri mu Igororero rya Nyamagabe no mu Murenge wa Cyanika.



*Honorable Depite NDANGIZA, ni we wari uyoboye itsinda ry'Abadepite ryakoze isesengura ku ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Karere*

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**